Kuzuza Ubusabe bwo guhabwa amafunguro

Ni iki?

Ubusabe bwo guhabwa amafunguro ni ubusabe bw'ibanga bugamije kumenya umunyeshuri wemerewe guhabwa ifunguro ry'ubuntu cyangwa kugabanyirizwa igiciro ku mafunguro. Amashuri yo mu gihugu abaza ababyeyi/abishingizi kubwuzuza mu ntangiriro za buri mwaka w'amashuri mu rwego rwo gufasha kumenya amafaranga urugo rwinjiza ku banyeshuri no ku muryango mugari.

Kuki ari ingenzi?

Kuzuza ubusabe bw'urugo rwawe bwo guhabwa amafunguro ni uburyo bworoshye bwo gushora mu burezi mu muryango mugari ubarizwamo, kabone nubwo waba utekereza ko utujuje ibisabwa. Amakuru agaragaza amafaranga umuryango winjiza aba yatanzwe ku busabe afasha abaterankunga b'ingenzi mu bijyanye n'amasomo ndetse bikanafasha mu gutanga izindi nkunga ku miryango izikeneye.

Uko buzuza ubusabe:

Ubusabe wabubona uciye kuri gahunda y'imirire y'ifasi ishuri rihererereyemo. Ku mafasi menshi ubusabe bwuzurizwa kuri murandasi. Verisiyo icapye y'ubusabe nayo iraboneka—izajya akenshi iba ari inyandiko yuzuzwa buri mwaka umwana wawe azajya aza mu rugo yitwaje.

Gahunda ziterwa inkunga hifashishijwe Ubusabe bwo kugenerwa amafunguro:

Amafaranga leta yishyura ku mafunguro amashuri atanga atera inkunga ibyifashishwa mu burezi bwinshi. Ibi bigenerwa *abana bo* bose bo muri Maine. Izi gahunda zirimo:

- Amashuri ari mu cyiciro cya 1
- Itegeko rigenga Amashuri abanza & Amashuri yisumbuye (ESEA)
- Itegeko rirengera abantu bafite ubumuga (IDEA)
- Inkunga leta igenera amashuri
- Gahunda za mbere /nyuma y'amasomo
- Gahunda z'amasomo atangwa mu mpeshyi
- Gahunda z'amasomo n'amahirwe y'inkunga yatangizwe n'Ishami ry'uburezi rya (DOE) Maine
- Gusonerwa umwenda w'umunyeshuri w'umwarimu

Maine Department of Education

Guhuzwa na serivisi zigenewe Imiryango z'ingenzi

Niba umuryango wawe wujuje ibisabwa kugira ngo uhabwe amafunguro y'ubuntu/yagabanyirijwe igiciro, ushobora guhabwa indi mfashanyo y'imirire biciye muri gahunda ya P-EBT! Mu kuzuza ubusabe bitarenze tariki ya 31, Kanama 2021, ushobora kwemererwa guhabwa ibigenwa na gahunda ya P-EBT mu mpeshyi mu mwaka w'amashuri wa 2021/2022.